UMWALIMU SACCO
Together we thrive

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO BOSE

Banyamuryango,

Dushingiye ku itangazo ryo ku wa 28 Nyakanga 2023 ryamenyeshaga abanyamuryango bose ko kwakira ubusabe bw'inguzanyo bihagaze kugeza ku itariki ya 20 Kanama 2023;

Dushingiye kandi ku itangazo ryo ku wa 21 Kanama 2023 rimenyesha abanyamuryango bose ko inguzanyo zigiye kujya zitangwa gahoro gahoro kugira ngo hubahirizwe ibipimo by'imari bigenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru y'Igihugu;

Ubuyobozi bwa Koperative Umwalimu SACCO buramenyesha abanyamuryango bose ko kwakira ubusabe bw'inguzanyo bisubukuwe guhera tariki ya 23 Kanama 2023 kandi abanyamuryango bose barasabwa kubahiriza ibi bikurikira mu gusaba inguzanyo:

- Gusaba kuvuguruza inguzanyo ya "*Emergency*" bizajya bikorwa mu gihe inguzanyo ivugururwa imaze nibura amezi atatu yishyurwa nk'uko byari bisanzwe;
- Gusaba kuvuguruza inguzanyo ku mushahara bizajya bikorwa mu gihe inguzanyo ivugururwa imaze nibura amezi 12 yishyurwa;
- Gusaba kugurirwa inguzanyo umunyamuryango afite mu kindi kigo cy'imari bizajya bikorwa mu gihe iyo nguzanyo isabirwa kugurwa itari mu bukererwe, nk'uko amabwiriza ya Banki Nkuru y'Igihugu abiteganya.

Turongera gushimangira ko abanyamuryango bose bakwiye kubahiriza izi ngingo zivuzwe haruguru, mu gihe basaba inguzanyo. Ubusabe bw'inguzanyo buzakomeza kunyuzwa kuri *e-mail* bwari busanzwe bunyuzwaho.

Murakoze,

**Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Kanama 2023**

**UWAMBAJE Laurence**

Umuyobozi Mukuru

22/08/2023

UMWALIMU SACCO — SAVINGS AND CREDIT COOPERATIVE — Together we thrive

Kimironko – Gasabo – Kigali
Street: KG 205ST | Plot n° 1020903640
P.O Box 2257 Kigali | Tel. +250781469546
Fax: (250)0252580426
TIN/VAT: 101522783 | E-mail: umwalimu.sacco@umwalimusacco.rw
Website: www.umwalimusacco.rw